# REPUBLIC OF RWANDA

**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**
**P.O. Box 1328 Kigali – RWANDA**
**E-mail : info@nppa.gov.rw Website: www.nppa.gov.rw**


## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubushinjacyaha Bukuru buramenyesha abanyarwanda bose babyifuza kandi bujuje ibyangombwa bisabwa, ko bushaka gutanga akazi ku myanya y' umushinjacyaha wo ku rwego rw' igihugu.

Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku ngingo ya 2, 3, 12, n' iya 13 Itegeko n°44bis/2011 ryo ku wa 26/11/2011 rigena sitati y'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru nk' uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Bushingiye kandi ku ingingo ya 2 y' itegeko n° 12/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rihindura kandi ryuzuza itegeko n°44bis/2011 ryo ku wa 26/11/2011 rigena sitati y'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, buramenyesha abifuza gupiganira iyo myanya ko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite impamyabumenyi mu by'amategeko *''bachelor's degree in law''*;
3. Kuba ari inyangamugayo;
4. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze bitewe n' uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by' igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
5. Kuba atarambuwe n' inkiko uburenganzira mbonezamubano n' ubwa politiki;
6. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy' igifungo kirenze cyangwa kingana n' amezi atandatu (6)
7. Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw' imyaka umunani (8) mu byerekeranye n' amategeko cyangwa imyaka itanu (5) mugihe afite impamyabumenyi y' ikirenga mu by' amategeko *(Doctorate degree in Law)*.

Digitally signed by NPPA (PROSECUTOR GENERAL)2

**Dosiye z'abakandida kuri uwo mwanya zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w' Inama Nkuru y' Ubushinjacyaha ;
2. Umwirondoro w' usaba akazi;
3. Kopi y'impamyabumenyi;
4. Kopi y'indangamuntu;
5. Icyemezo cy'uburambe mu kazi;

**Uburyo bwo kohereza dosiye isaba akazi:**

1. Buri dosiye yuzuye yoherezwa kuri email nppa.recruitment@nppa.gov.rw;
2. Dosiye yoherezwa inshuro imwe ikubiyemo inyandiko zose zisabwa, kandi ziri muri pdf;
3. Kwakira dosiye bizakorwa kugeza kuwa kabiri tariki ya 19/04/2022 saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Bikorewe i Kigali none kuwa 01/04/2022

Digitally signed by NPPA (PROSECUTOR GENERAL)2

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru**